Ijambo rya Minisitiri w`Imari n`Igenamigambi rigeza umushinga w`itegeko rishyiraho ingengo y`Imari ya Leta y`umwaka wa 2006.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Ba Visi Perezida b`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

1. Mbanje kubashimira uyu mwanya mwangeneye kugirango mbagezeho kandi ngeze no kubanyarwanda bose mu izina rya Guverinoma ibikubiye mu mushinga w`itegeko rishyiraho ingengo y`Imari ya Leta y`umwaka wa 2006 Guverinoma yabazaniye uyu munsi kugirango muwusuzume.

2. Uyu mushinga w`ingengo y`Imari ya Leta ukubiyemo bimwe mu bikorwa biteganyijwe muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi.

3. Ingengo y`Imari y`umwaka wa 2006 Guverinoma yabazaniye uyu munsi ingana na **miliyari magana ane n`enye miriyoni magana arindwi na mirongo itatu n`umunani n`ibihumbi magana abiri by`amafaranga y`u Rwanda (404.738.200.000 Frw).**
Ikaba igizwe **n`ingengo y`Imari isanzwe** ingana na miliyari magana abiri na mirongo cyenda n`eshatu, miliyoni magana atatu na mirongo itandatu n`enye n`ibihumbi magana abiri na bine na magana ane na mirongo ine by`amanyarwanda **(293.364.204.440 Frw)** n`**ingengo y`Imari y`Ubuzamura gihugu** ingana na miliyari ijana na cumi n`imwe, miliyoni magana atatu na mirongo irindwi n`eshatu n`ibihumbi magana cyenda na mirongo n`eshanu magana atanu na mirongo itandatu by`amanyarwanda **(111.373.995.560 Frw).**

4. Iyi ngengo y`Imari y`umwaka wa 2006 yateguwe hashingiwe ku bipimo byerekana uko ubukungu buhagaze muri uyu mwaka wa 2005.

   Nk`uko imibare ibigaragaza ubukungu bw`u Rwanda muri rusange buhagaze neza bikaba bigaragara ko buzazamukaho **6% muri uyu mwaka wa 2005**.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Ba Visi Perezida b`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

Nagirango mbagezeho muri make uko ubukungu bw'igihugu bwifashe muri iki gihe:

1. Secteur reel/Real Sector

- Umusaruro w`ubuhinzi wiyongeyeho 6% bitewe ahanini n`umusaruro wagenze neza cyane muri iki gice cy`isarura B. Hiyongereye cyane umusaruro w`ibihingwa ngandurarugo dore ko ugize 85% by`ibikomoka ku buhinzi. Bigaragarira kandi ku kuzamuka ku ifumbire itumizwa mu mahanga yazamutse kuva ku bihumbi 600 by`amadorari y`abanyamerika mu mezi atandatu y`umwaka ushize ugereranyije n`atandatu y`uyu mwaka aho amafaranga yakoreshejwe muri ubwo buryo yageze kuri miliyoni 2 z`Amadorari y`Abanyamerika.

- Urwego rw`inganda rwiyongeyeho 6% bitewe cyane n`urwego rw`ubwubatsi n`ubwo ibiciro by`amazi n`amashanyarazi na peteroli bikomeje kuba ingorabahizi. Ibi ntibyabujije inganda zimwe na zimwe gutubura umusaruro wazo.Muri zo twavuga nka BRALIRWA, aho umusaruro uva ku nzoga wazamutse ho 28% n`ibinyobwa byoroshye bikazamukaho 16%.

- Urwego rw`imirimo rwiyongeyeho narwo ho 6%. Bikaba bishingiye cyane kw`itumanaho no gutwara abantu n`ibintu, ubukerarugendo, n`imirimo yo mu rwego rw`ubukungu byiyongeye cyane. Nk`urugero mu itumanaho sosiyeti y`itumanaho MTN,umusaruro wayo wazamutseho hafi 13% n`aho umubare w`abanyamahanga bagenderera u Rwanda wiyongeyeho 6%.

2. Izamuka ry`ibiciro (inflation).

Kugeza mu kwezi kwa gatatu k`uyu mwaka, izamuka ry`ibiciro ryari rigeze kuri 13,6% ariko riza kumanuka kugera kuri 11,1% mu kwezi kwa gatandatu. Ibi byatewe n`izamuka ry`ibiciro by`ibiribwa byo mu guhugu, ibiciro bya peteroli n`amashanyarazi n`amafaranga menshi yari afitwe n`ibigo by`imari icirirtse.Cyakora irizamuka ry`ibiciro rizamanuka bitewe n`umusaruro mwiza wabonetse muri gice cy`isarura B.

3. Secteur extérieur/External Sector

Ikinyuranyo hagati y`ibyinjira n`ibisohoka, mu mezi atandatu ya mbere y`umwaka wa 2005 cyari kigeze ku madorali miliyoni 110 z`Abanyamerika ugereranyije na miliyoni 51 mu gihe kimwe muri 2004. Icyo kinyuranyo cyatewe n`izamuka ry`ibikoresho bitumizwa mu mahanga byazamutseho 66% n`aho ibyoherezwa mu mahanga bikaba byarazamutseho 14% gusa.

Ibyoherezwa hanze

Ikawa n`icyayi ni byo by`ingenzi bikomeje kwinjiza amadovise agera kuri 50% ya yose n`aho cassiterite na coltan bikaba byarinjije 33% ya yose.Ni ubwo umusaruro w`ikawa wagabanutse mu Rwanda, ntibyabujije ko amafaranga yinjira ayiturutseho azamuka bitewe ni uko ibiciro byayo ku masoko mpuzamahanga byazamutse cyane aho igiciro cy`ikawa y`u Rwanda cyazamutseho 90%. Igiciro cy`ikawa y`u Rwanda cyazamutse kuva 1.16$ ku kiro kigera ku 2.21$/kg.

Ku birebana n`icyayi, habayeho igabanuka rya 3% ku biciro ni 9% mu bwinshi mu mezi atandatu ya mbere y`uyu mwaka bikaba byaratanze miliyoni 11,5$ ugereranyije na miliyoni 13$ mu gihe nk`iki umwaka ushize.Cyakora hari ikizere cy`uko umusaruro uturuka ku cyayi uzazamuka myaka irimbere bitewe na gahunda yo kwegurira iyo segiteri abikorera ku giti cyabo.

Ni ubwo kugeza ubu ubukungu bw`Igihugubushingiye ahanini ku bihingwa n`amabuye y`agaciro byavuzwe haruguru, hari ingamba zo kongera umubare w`ibicuruzwa byoherezwa hanze. Muri byo twavuga impu, indabo, ibikomoka k`ubukorikori n`ibindi.

Izi ngamba zatangiye gushyirwa mu bikorwa kugeza ubu habayeho izamuka rigera kuri 30% ry`ibindi bintu byoherezwa mu mahanga.

Ibyinjira mu gihugu

Ibyinjira imbere mu gihugu muri rusange byose byazamutseho 43.6% mu gice cya mbere cy`uyu mwaka. Iri zamuka ryatewe cyane n`ibikoresho biramba n`iby`ubwubatsi byazamutseho 134.4% na 209.3% nk`uko bikurikirana.
Izamuka ry`ibiciro by`ibikomoka kuri peteroli ryatumye amafaranga abigendaho nayo yiyongera cyane cyane bitewe ahanini n`amamashini atanga ingufu z`amashanyarazi zikoreshwa na ELECTROGAZ tutibagiwe n`akoreshwa mu nganda, mu ngo no mu zindi nzego zinyuranye zo mu gihugu.

4. Uko ifaranga ry`u Rwanda rihagaze

Bitewe n`izamuka ry'agaciro ry`ibyoherezwa hanze n`iyinjizwa ry`amafaranga atubutse y`abaterankunga muri uyu mwaka, agaciro k`ifaranga ry`u Rwanda karazamutse ugereranyije ni $ kuva mu Ukuboza 2004.Icyo gihe ryari riri ku mafaranga 569.69 kw'idolari ry'abanyamerika rikaba ryari ku mafaranga 553.5 mu kwezi kwa Kamena k`uyu mwaka.Mu busanzwe bishobora gutuma ibyoherezwa mu mahanga byahenda n`aho ibyinjira mu gihugu bigahenduka.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Ba Visi Perezida b`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

Nagirango mbagezeho mu ncamake uko ingengo y'imari y'uyu mwaka yakoreshejwe mu mezi atandatu abanza

5. Imikoreshereze y`ingengo y`imari

Mu ikoreshwa ry`ingengo y`imari ya 2005 mu mezi atandatu abanza, habayeho kwitwararika mu gusohora amafaranga kugira ngo bikumire umuvuduko w`ibiciro biterwa n`amafaranga menshi ari hanze mu bukungu bw`Igihugu.Muri rusange amafaranga yakoreshejwe yose hamwe uvanyemo ayakoreshejwe ku mishinga ishyigikiwe n'abaterankunga yageze kuri miliari 103.9.Ibi bikaba biri hasi yarateganijwe ariyo miliari 116.3 cyangwa 10.7% hasi yayarateganijwe.Iryo koresha ry'amafaranga riri hasi ryaririgendereye kugabanya umuvuduko w'ibiciro bijyanye n'ubwinshi bw 'amafaranga ari mu bukungu.

Amafaranga aturuka ku misoro n`amahoro nayo yakomeje kuzamuka bishingiye ku izamuka ry`ubukungu n`imikorere myiza kandi ikomeje kunozwa n`ikigo gishinzwe kwinjiza imisoro n`amahoro.

6. Iyinjizwa ry`imisoro y`amahoro

Amafaranga yinjiye mu mezi atandatu ya mbere y'uyu mwaka akomoka ku misoro n'amahoro yarengeje hafi miliari 4.7 kuko hari hateganijwe kwinjira miliari 73.2

hanyuma haboneka miliari 77,9.Uyu musaruro utubutse wakomotse ahanini ku misoro ku bicuruzwa hamwe n'imisoro itaziguye cyane cyane ku musoro ku bihembo.

7. Amafaranga yinjira atava ku misoro

Kugeza mu kwezi kwa Kamena amafaranga yinjira muri ubu buryo yari yarenzeho miliari 3.4 kuyarateganijwe bikomotse kw'igurisha ry'amamodoka ya Leta,igurishwa ry'ikibanza cya Polisi y'igihugu nigice cya petroli Leta yari izigamye.

8. Ingengo y'imari isanzwe 2005

Ingengo y'imari isanzwe yakoreshejwe ingana na miliari 89.4 ugereranije na miliari 99,7 zariziteganijwe cyangwa se 10.4% hasi yayarateganijwe.Ibyo byatewe cyane cyane n'imishahara yari iteganijwe mu nzego za Leta ariko abakozi benshi ntibashyirwa mu myanya kubera politiki nshya y'imishahara itarashyirwa mu bikorwa.Ikindi cyatumye iyo ngengo y'imari idakoreshwa nk'uko yateganijwe n'amafaranga yarateganijwe kubijyanye no gucyura izari ingabo z'igihugu n'indi mitwe yitwaje intwaro kuva muri DRC ariko ntibatashye.

9.Imikoreshereze y'ingengo y'imari y'ubuzamura gihugu 2005

Ingengo y'imari y'ubuzamura gihugu yakoreshejwe muri rusange kuri 58% mu mezi atandatu ya mbere,bikaba bisumbye uko yakoreshejwe umwaka ushize.Ibyaribyo byose iyo mibare haribyo itagaragaza cyane cyane mu mishinga yakomeje gukora nabi,nka RSSP(Minagri),PADEBL(Minagri),PDRCU(Minaloc),STABEX(Minagri)na PREPAF(Migeprofe). Cyakora iyo mishinga imaze kuvugururwa kuburyo uyu mwaka uzarangira imikorere yayo ari myiza.Imikorere mibi ntireba imishinga iterwa inkunga n'amahanga gusa,birareba n'imishinga ikoresha amafaranga aturutse mu gihugu.Iyi mikorere mibi henshi iterwa n'imitegurire mibi y'imishinga,itangwa ry'amasoko ritanononsoye,ubushobozi buke n'ikurikirana ridahagije muri za ministeri.
Ibisobanuro birambuye kumikoreshereze y'ingengo y'imari murabisanga kuri raporo yihariye mwagejejweho hamwe n'izindi nyandiko ziherekeje uyu mushinga w'ingengo y'imari y'umwaka wa 2006.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

5. Itegurwa ry`iyi ngengo y`Imari ya 2006 ryitaye kandi rigendera kubikorwa by`ingenzi byihutirwa nk`uko bikubiye mu mirongo minini y`ikinyagihumbi (MDGS) mu cyerekezo 2020, no mu nyandiko ya gahunda ya Leta yo kurwanya ubukene. Akaba ari muri urwo rwego hafashwe ingamba zikurikira.

1. **Kunoza uburyo bwo kwinjiza amafaranga aturuka imbere mu gihugu**

Muri uyu mwaka wa 2006, hateganyijwe kuvugurura uburyo bw`imisoreshereze hakorwa ibi bikurikira:

- Kunoza uburyo bw`imisoreshereze bihereye ku itegeko rishya rivugurura uburyo bw`isoreshwa ku bihembo n`itegeko rya gasutamo;

- Kunoza uburyo bw`isonerwa ry`amahoro;

- Kurushaho gukaza igenzura ari mbere na nyuma y`itangwa rya serivisi;

- Hazavugururwa kandi imiterere y`ikigo gishinzwe kwinjiza imisoro n`amahoro hagamijwe kurushaho kwinjiza imisoro n`amahoro mu isanduku ya Leta.

2. Kunoza uburyo bwo gufasha ingengo y`Imari hakoreshejwe amafaranga aturutse hanze.

Nyuma y`uko u Rwanda ruhanaguriweho imyenda, hagomba gufatwa ingamba zo kugabanya gusaba inguzanyo zo gufasha ingengo y`Imari ya Leta ahubwo hakarushaho gushyira ingufu mu gushaka impano. Ibi birasaba kurushaho kugirana imishyikirano n`abaterankunga kugirango barusheho kutanga impano.

3. Kunoza uburyo bwo gucunga imyenda ya Leta

Nyuma y`aho u Rwanda rugabanyirijwe umwenda wo hanze, Guverinoma yafashe ingamba zo kurushaho gucunga imyenda y`imbere mu gihugu kandi ikajya ifatwa hakurikijwe ibipimo by`ubukungu n`uburyo izishyurwamo hagamijwe kuzamura ubukungu bw`Igihugu muri rusange.

4. Kunoza uburyo Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2006 yazamura ubukungu bw'Igihugu

Ibiteganyijwe mu ngengo y`imari y`umwaka wa 2006 bigamije gusigasira ubukungu bw`Igihugu no gukumira ibyatera umuvuduko w'ibiciro n'ibyatesha ifaranga agaciro. Guverinoma ikaba izakomeza kubuteza imbere hashyigikirwa ibikorwa by'ibanze, ibyabikorera ku giti cyabo cyane cyane byoherezwa hanze kandi hakomezwa kunozwa uburyo bw`imiyoborere myiza.

Imishinga y`amajyambere ijyanye no kongera ingufu, gukwirakwiza amazi, guteza imbere ibyoherezwa hanze no gushyiraho ibikorwa remezo byo mu buhinzi izahabwa umwihariko ugaragara muri uyu mwaka.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

6. Hashingiwe ku ngamba zavuzwe haruguru no ku mishyikirano Guverinoma yagiranye n`Abaterenkunga mu majyambere, iyi ngengo y`Imari ya 2006 iteganyijwemo ibikorwa by`ingenzi kandi byihutirwa bikurikira:

1. **Kuvugurura imishahara y`abakozi**

Nyuma y`uko Guverinoma ifashe icyemezo cyo kuvugurura ubutegetsi bwite bwa Leta no gukomeza inzego zegerejwe abaturage, umubare w`abakozi ba Leta bagera ku 1 000 bavannywe mu mirimo.Hagamijwe kunoza imiterere y`inzego z`imirimo mu nzego za Leta no kureba uburyo abakozi basigara bashyirwa mu myanya ijyanye n`ubushobozi bwabo kandi bagahembwa birushijeho. Iri vugurura rizagera ku bakozi bose n`ukuvuga abo mu butegetsi bwite bwa Leta, abarimu, abaganga, abasirikare, abapolisi n`abakora mu magereza.

2. **Gukemura ibibazo by`imirire no kongera umusaruro hakorwa ibi bikurikira:**

   - Gushyiraho ibigo bitatu bishya bishinzwe kuvugurura ubuhinzi (RADA), ubworozi (RAQC) no kugenzura ubwiza.

   - Kongera amafaranga akoreshwa mu kugeza ku baturage imbuto z`indobanure zongera umusaruro, gutunganya ibishanga, kurwanya isuri tutibagiwe no gushishikariza abaturage guhinga ibihingwa bigezweho kandi byinjiza amafaranda menshi.

   Kuvugurura ubuhinzi n`igice kinini kandi cy`ingenzi mu ngamba zo kuzamura ubukungu bw`u Rwanda.

3. **Gufasha abatishoboye mu kugira uruhare kuri serivisi z`ibanze arizo : Uburezi, Ubuvuzi, kubona Amazi meza no n`isuku, gusana ibikorwa remezo by`ibanze nk`imihanda ibafasha mu rwego rw`ubuhahirane.By'umwihariko ibikorwa bikurikira bizitabwaho:**

   a) Gutunganya ibikorwa remezo by`amazi meza n`isuku

   Guverinoma izarushaho gushyira ingufu mu bikorwa bigamije kongera no kugeza amazi meza ku baturage. Kugirango bigerweho hazasanwa impombo z`amazi hanozwe kandi uburyo bw`isaranganywa ryayo.

   Mu rwego rw`isuku, hazarushwaho kongera no gusana ibikorwa remezo birushaho kongera isuku mu gihugu cyacu.

   b) Gushyira ingufu mu burezi

   Hazibandwa gusana, kuvugurura no kubaka amashuri mashya hagamijwe kongera umubare w`abanyeshuri no kugabanya umubare munini uba uri mu ishuri rimwe.

   Imfashanyigisho mu mashuri zizongerwa kandi ikoranabuhanga rizakwirakwizwa mu mashuri. Hazarushaho kandi gukangurira abakobwa kwitabira amashuri y'ikorana buhanga. Ingengo y`imari igenewe amashuri abanza izazamuka by'umwihariko kugirango hashyigikirwe abanyeshuri biga mu mashuri ikenda ya mbere mu burezi..

   c) Kongera amafaranga akoreshwa mu buvuzi

Hazarushwaho kongerera ubushobozi no guteza imbere uburyo bw`ubwisungane mu kwivuza, uburyo bw`inkingo no gufasha abatishoboye kubona imiti ya maraliya.

Hazarushwaho kandi gukangurira abantu no kubafasha kwipimisha ubwandu bwa VIH/SIDA tutibagiwe no gufasha abanduye kubona imiti igabanya ubukana bwa SIDA/VIH.
Hazashyigirwa kandi uburyo bushya bwo gutanga servisi z'ubuzima binyuze mu masezerano hagati inzego z'uturere n'izi bitaro n'ibigo nderabuzima hagamijwe guskoresha amafaranga bishingiye ku bikorwa biyarturukaho(Contractual approach in health service delivery-results based resource allocation).

d) Gusana ibikorwa remezo by`ibanze nk`imihanda ibafasha mu rwego rw`ubuhahirane.

Imihanda ihuza uturere izakomeza gusanwa no kurushaho gufatwa neza.Hazasanwa kandi imihanda minini ihuza intara n'ihuza intara n'uturere,nka Gitarama-Ngororero-Mukamira,Ruhengeri-Gisenyi na Cyangugu-Bugarama.

e) Kugabanya ikibazo cy`ibura ry`amashanyarazi

Guverinoma ikomeje gushyira ingufu mu mushinga ugamije kubyaza gazi methane yo mu kiyaga cya Kivu amashanyarazi. Amafaranga azakoreshwa kuri uwo mushinga muri uyu mwaka yarateganyijwe. Cyakora mu gihe uwo mushinga utariwashyirwa mu bikorwa hari izindi nkomoko z'ingufu zatekerejwe, n'amasezerano abigenga akaba amaze gusinywa hagati ya Leta y'Urwanda na sosiyete zitanga ingufu z'amashanyarazi arizo AGRECO na General Electric Company. Iyo sosiyete izatanga amashanyarazi angana na megawati 10 ziyongera kuzo Electrogaz itanga zingana na megawati 31. Muri rusange igihugu ubu gikeneye megawati nka 70,n'ukuvuga ko tugifite icyuho kingana na megawat nka 40. Guverinoma iriga uburyo ibiciro by'amashanyarazi byavugururwa kuko kugeza ubu bihanitse bitewe n'ikoreshwa ry'amamashini na mavuta bihenze.

4. Guteza imbere ibyoherezwa hanze n`urwego rw`ubukerarugendo

Iyi ngamba izakomeza gushyirwa mu bikorwa. Amafaranga ajyanye nayo yarateganyijwe muri iyi ngengo y`imari kandi hanitaweho kuboneza uburyo bwo guhuza gahunda zijyanye n'iryo shami ariko zikorwa n'inzego zinyuranye za Leta.

5. Gutegura amatora y`inzego z`ibanze

Guverinoma yateganyirije miliyari 4 igikorwa cy`amatora y`inzego z`ibanze azaba muri 2006.

6. **Amavugururwa akorwa cyangwa ateganijwe gukorwa**.

Mu rwego rwo gushishikarira kuzamura ubukungu bw'igihugu harimo kugabanya amafaranga akoreshwa mu bikorwa binyuranye bya Leta,kongerera inzego ubushobozi no gutanga urubuga runoze kubikorera ku giti cyabo,hazakomeza kubaho ivugururwa ry'inzego zinyuranye za Leta.Amavugururwa y'ingezi yakozwe akazakomeza kunozwa ni aya akurikira :

a) Kuvugurura imiterere y'imirimo mu nzego za Leta ;
b) Kuvugurura imiterere y'inzego z'ibanze
c) Kuvugurura imikoreshereza y'ibinyabiziga byakoreshawaga mu nzego za Leta;
d) Kuvugurura imiterere n'imikorere y'inzego z'ubucamanza;
e) Kuvugurura imicungire y'imari ya Leta hayambajwe ikoranabuhanga rigezweho;
f) Gushyiraho itegeko rigenga ubutaka;
g) Kuvugurura imkorere y'amabanki na micro-finance;
h) Kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima bishingiye ku masezerano hagati y'ibigo nderabuzima n'inzego z'ibanze (approche contractuelle/contractual appproach);
i) Kuzategura gahunda yo gutangiza isoko ngurishamigabane (Stock Exchange/Marché de bourses);
j) Kuvugurura uburyo ingengo y'imari yategurwaga ikanshyirwa mu bikorwa hagamijwe gushyiraho isano hagati y'amafaranga agenerwa inzego zinyuranye n'ibikorwa bifatika izo nzego zigomba kugaragaza (result-based budgeting).

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

7. Ibikorwa by`ingenzi yiyemeje gukora mu mwaka wa 2006 nk`uko byavuzwe haruguru byashakiwe kandi bisaranganywa amafaranga ku buryo bukurikira:

   Umubare w`amafaranga azakoreshwa mu mwaka wa 2006 angana na **miliyari magana ane n`enye miriyoni magana arindwi na mirongo itatu n`umunani n`ibihumbi magana abiri by`amafaranga y`u Rwanda (404.738.200.000 Frw)** agabanyijwemo ibice bibiri, igice cy`ingengo y`Imari isanzwe ingana na miliyari **239.364.204.440 Frw** bingana na 72.5% n`igice cy`ingengo y`Imari y`Ubuzamura gihugu kingana na miliyari **111.373.995.560 Frw ni ukuvuga 27.5%.**

   Iyi ngengo y`imari izafashwa n`amafaranga aturuka imbere mu gihugu angana na miliyari 180.2 ni ukuvuga 44.5%, amafaranga aturuka hanze angana na miliyari 208.5 ni ukuvuga 50.7% n`amafaranga angana na miliyari 15.9 ni ukuvuga 4.8% azaturuka kunguzanyo z`ikigega cya Leta (triage sur les depots du Gouvernemet/drawdown from Government deposit).

A. **Amafaranga azinjira**

- ***Amafaranga azinjira aturutse imbere mu gihugu***

Muri uyu mwaka wa 2006 hateganyijwe kuzinjizwa amafaranga ava imbere mu gihugu angana na miliyari 180.2 bikaba bigaragara ko habayeho izamuka ringana na 6% uhereye kuri

miliyari 170.1 ziteganyijwe kwinjira muri 2005. Irizamuka rishingiye ahanini ku mafaranga azinjizwa bitewe n`ingamba zavuzwe haruguru n`inozwa ry`imisoreshereze ya TVA.

- ***Amafaranga yinjira ava ku misoro n`amahoro***

Muri uyu mwaka wa 2006, amafaranga azinjira ava ku misoro azava kuri miliyari 150.1 Frw agree kuri miliyari 167.4 Frw. Izamuka ry`iyi misoro rizashingira cyane kubiva hanze biziyongera harimo ibikomoka kuri peteroli n`ibindi.

- **Amafaranga yinjira atava ku misoro n`amahoro**

Amafaranga azinjira atava ku misoro n`amahoro ateganyijwe muri 2006 azagabanuka ave kuri miliyari 19.6 yo muri 2005 agere kuri miliyari 12.8 Frw. Guverinoma izafata ingamba zatuma aya mafaranga arushaho kuzamuka.

- **Andi mafaranga azakoreshwa aturutse imbere mu gihugu**

Aya mafaranga azava kuyo Leta yizigamiye kuva muru uyu mwaka turimo.

- **Amafaranga azinjira aturutse mu mahanga**

Amafaranga ateganyijwe kwinjira aturutse hanze biragaragara ko azagabanuka, azava kuri milioni 221.3 $ agere kuri milioni 201 $. Leta izihatira gushaka impano kurushaho mu baterankunga banyuranye.

B. **Uko amafaranga azasaranganywa mu bikorwa biteganyijwe**

- **Amafaranga yo mu ngengo y`imari isanzwe**

Ingengo y`imari isanzwe iteganyijwe muri 2006 ingana na miliyari 293.2 Frw ikaba yarazamutseho miliyari 28.9 ku yo mu mwaka wa 2005 ni ukuvuga 3.8%. Izamuka ry`iyi ngengo y`Imari ryatewe ahanini n`ivugurura ry`imishahara, kongera amafaranga mu mushinga wa Gazi methane, guteganya amafaranga azakoreshwa mu matora y`inzego z`ibanze no kongera amafaranga mu bikorwa b`ingenzi bishyizwe imbere nko mu buzima, mu burezi, no mu rwego rw`ingufu n`amazi.Mu ngengo y'imari isanzwe,amafaranga asranganijwe mu buryo bukurikira :

N0	Icyo azakoreshwa	2005(frw miliyari)	2006(frw miliyari)	Ibisobanuro
1	Imishahara	55.0	61.7	Ivugururwa ry'imishahara
2	Ibindi bintu n`imirimo	64.8	70.0	Ibikorwa by'ibanze
3	Amafaranga azakoresha kubera impamvu zidasanzwe	28.9	33.0	Amatora, FARG
4	Kwishyura inyungu	15.5	15.6	-
5	Kwishyura imyenda	28.8	30.6	Kwishyura imyenda y'imbere mu gihugu
6	Imisanzu n`amafaranga	55.9	60.2	Inkunga igenerwa

	yoherezwa			uturere,
7	Inguzanyo z`ikigega cya Leta	8.4	15.1	
8	Kwishyra ibirarane	7.0	7.0	
	Igiteranyo	**264.3**	**293.2**	

Aya mafaranga yasaranganyijwe muri segiteri z`ingenzi ku buryo bukurikira hakurikijwe ibikorwa by`ingenzi byihutirwa nk`uko bikubiye mu mirongo minini y`ikinyagihumbi (MDGS), mu cyerekezo 2020, no mu nyandiko ya gahunda ya Leta yo kurwanya ubukene.

1. Uburezi : Miliyari 70.25 Frw
2. Ubuvuzi : Miliyari 33.61 Frw
3. Ubuhinzi : Miliyari 15.51 Frw
4. Ingufu: Miliyari 23.62 Frw
5. Amazi n`isuku : Miliyari 13.17 Frw

- **Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y`imari y`ubuzamura gihugu**

Amafaranga azakoreshwa mu mishinga y`amajyambere angana na miliyari **111.4 Frw** akaba angana na **27.5% by`ingengo y`imari isanzwe**.

Uruhare rwa Leta mu mafaranga azakoreshwa mu mishinga y`amajyambere rungana na miliyari 28.4 FRW bingana na 25.7 % byayo. Impano zingana na miliyari 53.4 FRW ni ukuvuga 48.3 % naho inguzanyo zingana na miliyari 29.6 Frw bingana na 26.8%.

Nk`uko bigaragara uburyo bwari bumenyerewe bw`uko inguzanyo ziruta impano bwarahindutse muri iyi ngengo y`imari.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

N`ubwo bigaragara ko ingengo y`imari y`uyu mwaka wa 2006 yazamutse kandi iteganyijwemo byinshi, hari ibikorwa by`ingenzi Guverinoma ishyizeho umutima ariko bitabashije kubonerwa amafaranga muri iyi ngengo y`Imari. Muri byo twavuga nk`imperekeza z`abakozi bo mu ntara, uturere n`Imijyi nyuma y`imivugururire y`inzego z`ibanze, ibirarane by'ibyahoze ari amakomine, igikorwa cyo gutanga indangamuntu, ivugururwa ry'ishuri ry'ubucamanza n'ishuri ryigisha iby'amabanki n'icungamutungo,amafaranga yo kubaka ikibuga cy`ingende cya Bugesera n`ibindi.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

N'ubwo hari ingamba nyinshi guverinoma itegura ikanashyira mu bikorwa hagamijwe kuzamura ubukungu bw'igihugu, imbogamizi ziracyari nyinshi zituruka ku miterere y'ubukungu bw'igihugu cyacu n'izindi zituruka ku mitere y'ubukungu mpuzamahanga. Muri zo twavuga izi zikurikira:

a) Ibiciro by'ibikomoka kuri petroli bikomeje kuzamuka.

b) Impano z’amahanga zigenda zigabanyuka kandi arizo zikenewe kurusha imyenda nk’uko nabisobanuye haruguru.
c) Ikibazo cy’ingufu gikomeje kuba ingorabahizi bitewe n’igabanuka ry’amazi.

Nyakubahwa Perezida w`Umutwe w`Abadepite,
Ba Nyakubahwa Badepite,

Mboneyeho umwanya wo kubashimira uburyo mudahwema gufatanya na Guverinoma mu ishyirwa mu bikorwa rya gahuda yayo, nkaba mboneyeho kubasaba ko uyu mushinga w’itegeko rishyiraho ingengo y’imari ya Leta y’umwaka wa 2006 Guverinoma yabashyikirije mwawemeza, bityo ingamba n’ibikorwa biteganijwe bigashyirwa mu bikorwa nk’uko byateguwe.

Ndabashimiye.